R.H.
RESIDENCE DU RUANDA
TERRITOIRE D'ASTRIDA

Astrida, le 11 septembre 1950.

N° 1532 /A.I.

IMPAMVU:
Urubanza rwa NYAMUCAHAKOMEYE na SERUFILIRA.-

---

ASTRIDA
2439

Kuli Juge Nturo
Urukiko rwa Territoire
à NGOMA.-

Nkurikije baruwa yawe yo kumunsi wa 23/8/50, ndakumenyesha ko nasanze Nyamucahakomeye yarambeshye, igihe amaze ataratanga ayo mafranga nikirekire, None niba atemeye kuyabaha vuba, ugomba kugurisha ibintu bye kugeza kugiciro cyamafranga agomba kwishyura.

L'Administrateur de Territoire,
ACKERMAN Fr,

Résidence du Ruanda
Tribunal de Territoire
Impamvu:
Aff.Nyamucahakomeye c/Serufilira.

Astrida, le 23/8/56

Nturo doit exécuter forcément le jugement.

Kuli Bwana Administrateur wa Territoire,

Ndakuramutsa,

Nkulikije ibaruwa yawe yanditswe tarki 22/8/56 nº1402/A.I. Ndakumenyesha ko urubanza rwa Nyamucahakomeye rwaciliwe mu rukiko rwa Territoire, tarki 16/10/53, rumutegeka kuzatanga amafranga yindishyi 2320 frs+290 frs y'urukiko, tarki 16/11/53 kuva icyo gihe ntabwo yayatanze kugeza ubu.

Tarki 3/8/56 niho yatanze 1000 frs D.I. Tumutegeka kuzatanga andi le 31/8/56 hanyuma avuga ko atazayabona kuko ntå nka afite kereka isambu ye.

None turakubaza uko tuzabigenza ku bantu banga gutang'amafranga baciwe n'urukiko.-

Amahoro.-

Juge: Nturo R,

-.K.H.-
RESIDENCE DU RUANDA.
TERRITOIRE D'ASTRIDA.

ASTRIDA, le 22 Août 1956.

IMPAMVU:
Urubanza rwa NYAMUCAHAKOMEYE.

Nº 1402 /A.I.

Ku Mucamanza w'Urukiko rwa Territwari.

Ndakubaza niba amafranka 1.000 ya Nyamucahakomeye mwarayakiye kandi niba koko mureba ko atabashije gutanga asigaye mu gihe kimwe mwamworohera ariko ntabirambike nawe, akazajya ayatanga buhoro buhoro mukamuha igihe azajya atanga mo igice, bityo kugeza igihe ayarangiririje aliko icyo gihe ntajye akica. Murabireba namwe kugurira umuntu icyo yaratunze cyonyine n'ukumusiga habi, birutwa no kumuha uburyo bwo kwishyura tutamwishe.

L'Administrateur de Territoire,
Fr. ACKERMAN.,